**Ikinyarwanda**

# PK

**14/11/2017 01.30-03.30PM**

**Inomero yuzuye y'umunyeshuri**

| *Intara/Umujyi* | *Akarere* | *Umurenge* | *Ishuri* | *Umunyeshuri* |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |

**Amazina y'umunyeshuri:**

**Izina ryawe bwite:** ..........................................................

**Andi mazina yawe:** ..........................................................

**Ikitonderwa:**

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE **BIGOMBA** KWANDIKWA NK'UKO BIGARAGARA KURI "REGISTRATION FORM".

Rwanda Education Board

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA, 2017**

# IKINYARWANDA

**Igihe kimara: amasaha abiri**

**Amanota:** **/100**

## AMABWIRIZA :

1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2) Iki kizamini kigizwe n'ibibazo 23 kandi iyi kayi y'ibibazo igizwe n'amapaji 8. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye n'amapaji yose ahari.
3) Ikizamini kigizwe n'ibice bibiri:
   - Igice cya mbere: Umwandiko n'imiterere y'ururimi **(amanota 85)**
   - Igice cya kabiri: ihangamwandiko **(amanota 15)**
4) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5) Gusiribanga no guhindagura ibisubizo ntibyemewe.
6) Birabujijwe kugaragaza umwirondoro wawe ahatabugenewe.
7) Ukurikize amabwiriza ari ku bibazo.
8) Andikisha ikaramu y'ubururu cyangwa iy'umukara.

## UMWANDIKO: IPAPAYI

Ipapayi ni urubuto rukomoka muri Amerika yo Hagati, by'umwihariko muri Megizike (Mexique) kuko ariho ihingwa cyane. Ipapayi ihingwa cyane cyane kubera urubuto rwayo rukize kuri vitamini nyinshi kandi amababi yayo akaba avura indwara nyinshi.

Ipapayi ikunda ikirere gishyuha ku kigero kiringaniye, ku butumburuke bugera kuri metero 1650. Ikunda ikirere kirangwamo izuba ariko ikaba itihanganira imiyaga. Ikunda ubutaka bworoshye, bufite ifumbire kandi burimo amazi.

Ipapayi ikwirakwizwa hakoreshejwe uburyo bwo gutera imbuto. Umwobo ugomba kugira ubugari n'uburebure bwa santimetero mirongo itanu. Hagati y'urubuto n'urundi hagomba kugaragara intera ingana na metero ebyiri; ibi bigakorwa no hagati y'umurongo n'undi.

Ipapayi itangira gutanga umusaruro imaze igihe kigera ku mezi icumi, igatanga umusaruro ushimishije mu myaka itatu ya mbere ihinzwe. Ishobora gutanga amapapayi abarirwa hagati ya mirongo itanu na mirongo itandatu ku mwaka.

Ipapayi ni rumwe mu mbuto zikungahaye kuri vitamini zitandukanye bityo bikaziha ububasha bwo kuba zagira umwihariko wo kurwanya indwara zimwe na zimwe harimo kanseri, indwara y'amara n'izindi. Ipapayi ni urubuto ruzwiho kugira uburyohe bwinshi kandi rukungahaye kuri vitamini A, vitamini C ndetse na vitamini E. Uru ruhererekane rwa za vitamini rutuma umuntu agira ubushobozi bwo kutarwaragurika bitewe n'uwo mwihariko wo kurwanya indwara zitandukanye. Umuntu wihatiye kurya ipapayi ntapfa guhura n'ikibazo cya kanseri y'urura runini.

Ipapayi ni umuti mwiza ufasha urura mu igogorwa ry'ibiryo, cyane cyane ku bantu bakunze guhura n'ikibazo cyo kwituma bibagoye. Kandi intungamubiri zibonekamo zigira uruhare rukomeye mu gukiza tumwe mu dusebe tuboneka mu nzira y'ibiryo. Mu gihe wagize ikibazo cyo kutituma neza wafata ipapayi ukayivanga n'izindi mbuto ukarya cyangwa ukayifata nyuma y'amafunguro asanzwe.

Kurya ipapayi birakenewe ku bantu baribwa mu nda, n'abafite ibisebe byo mu mara, kutituma neza no kuribwa n'umugongo. Kurya ipapayi birinda by'umwihariko kanseri y'amara n'ibindi. Kurya ipapayi ntibibujije ko ugize uburwayi ujya kwa muganga; ugomba kujyayo kuko ipapayi igufasha kugira ubuzima bwiza ntabwo ikuvura indwara zose kuko indwara ziterwa n'ibintu byinshi kandi bitandukanye.

## IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI (AMANOTA 85)

### I. KUMVA UMWANDIKO (AMANOTA 19)

1) Ipapayi ikomoka mu kihe gihugu? Icyo gihugu kiri ku wuhe mugabane? Ni iki kerekana ko ari aho ikomoka? **(amanota 3)**

..............................................................................................

..............................................................................................

..............................................................................................

2) Vuga impamvu ebyiri nyamukuru zituma ipapayi ikunda guhingwa cyane. **(amanota 2)**

..............................................................................................

..............................................................................................

3) Ni iki gishobora kubangamira ipapayi mu buhinzi bwayo? **(inota 1)**

..............................................................................................

4) Vuga indwara eshatu zishobora kurwanywa n'ipapayi. **(amanota 3)**

..............................................................................................

..............................................................................................

..............................................................................................

5) Kubera iki iyo umuntu arwaye agirwa inama yo kujya kwa muganga aho kwiyambaza ipapayi gusa? **(amanota 2)**

..............................................................................................

..............................................................................................

6) Erekana ibintu bibiri ipapayi yamarira umuhinzi wayo. **(amanota 2)**

..............................................................................................

..............................................................................................

7) Umuhinzi w'amapapayi agomba gusiga intera ingana iki hagati y'imirongo ibiri y'amapapayi? **(inota 1)**

..............................................................................................

8) Ipapayi itangira kwera nyuma y'igihe kingana iki itewe? **(inota 1)**

..............................................................................................

9) **Simbuza amagambo ari mu dukubo andi bisobanura kimwe ari mu mwandiko :** **(amanota 4)**

(a) U Rwanda (rukungahaye) ku byiza nyaburanga.
rukungahaye : ........................................................

(b) Ni byiza kurya imbuto (zinyuranye) mu mafunguro yacu.
zinyuranye:........................................................

(c) Imbuto zifite (ububasha) bwo kuturinda indwara.
ububasha: ........................................................

(d) Ubuzima bwacu bugizwe n'(urukurikirane) rw'ibintu byinshi.
urukurikirane :........................................................

## II. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (AMANOTA 23)

10) **Tanga amazina aturuka kuri izi nshinga :**
**(izina rimwe kuri buri nshinga)** **(amanota 3)**

(a) Kuvura (umurwayi): ..........................................................
(b) Kungana: ..........................................................
(c) Kurya:..........................................................

11) **Tanga inshinga (imbundo) zikomoka kuri aya mazina:** **(amanota 3)**

(a) Umusaruro: ..........................................................
(b) Igogorwa : ..........................................................
(c) Imineke : ..........................................................

12) **Andika imbusane z'amagambo aciyeho umurongo:** **(amanota 4)**

(a) Ipapayi <u>ikunda</u> ubutaka <u>bworoshye</u> n'ikirere <u>gishyuha</u>.
ikunda ≠..........................................................
bworoshye ≠..........................................................
gishyuha ≠ ..........................................................
(b) Ipapayi ni urubuto <u>rukungahaye</u> kuri vitamini.
rukungahaye ≠ ..........................................................

13) **Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwe sakwe!** **(amanota 4)**

(a) Umwana wange yirirwa agenda akarara agenda!
..........................................................
(b) Karatambana inyama itukura!
..........................................................
(c) Fata akebo mfate akandi tuge gutara intagwira!
..........................................................
(d) Nzapfa nzakira simbizi!
..........................................................

14) **Uzuza iyi migani y'imigenurano:** **(amanota 4)**

(a) Abasangira ubusa ..........................................................
(b) .......................................................... karahandurika.
(c) ..........................................................ntigahungabanywa n'umuyaga.
(d) Aho umutindi ..........................................................

15) **Simbuza amagambo ari mu dukubo amagambo yabugenewe:** **(amanota 5)**

(a) Gatare yagiye (kugura) ingoma i Kabare.
kugura ingoma: ..........................................................
(b) Kwa (musaza wa mama) baduhaye (amata yaraye ataravura).
musaza wa mama:..........................................................
amata yaraye ataravura: ..........................................................
(c) Gahungu azi (gukamisha amaboko yombi).
gukamisha amaboko yombi: ..........................................................
(d) Cya gisabo cyari hariya (cyamenetse).
cyamenetse: ..........................................................

## III. IKIBONEZAMVUGO (AMANOTA 30)

16) **Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo:** **(amanota 5)**

(a) Ipapayi ikunda ubutaka bworoshye kandi bwiza.

ipapayi: ..................................................................................

bwiza: ..................................................................................

(b) Utarahinze amapapayi ashobora kuyagura mu isoko.

ashobora: ..................................................................................

mu: ..................................................................................

(c) Ipapayi kimwe n'izindi mbuto ni ingirakamaro ku buzima bwacu.

izindi: ..................................................................................

17) **Garagaza uturemajambo tw'amagambo aciyeho umurongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine):** **(amanota 10)**

(a) Ipapayi ituma umuntu agira imbaraga.

imbaraga : ..................................................................................

(b) Ipapayi ishobora kuvura inzara n'inyota.

inzara : ..................................................................................

(c) Insina ntabwo iri mu muryango umwe n'ipapayi.

insina: ..................................................................................

(d) Ipapayi irusha agaciro agafi gato.

agaciro: ..................................................................................

(e) Inzuzi n'imigezi bishobora kwangiza ubutaka buhingwa.

inzuzi : ..................................................................................

18) **Andika inteko z'amagambo aciyeho umurongo:** **(amanota 6)**

(a) Hari abantu benshi bakijijwe n'ubuhinzi bw'amapapayi.

ubuhinzi: ..................................................................................

amapapayi: ..................................................................................

(b) Insina na zo zishobora gutanga umusaruro utari muke.

insina : ..................................................................................

umusaruro : ..................................................................................

(c) Umuhinzi w'umunyamurava azirikana akamaro k'ibyo ahinze.

umunyamurava : ..................................................................................

akamaro : ..................................................................................

19) **Andika imimaro y'amagambo aciyeho umurongo:** **(amanota 5)**

(a) Abanyeshuri barakora ikizamini.

abanyeshuri: ..........................................................................................

ikizamini: ..........................................................................................

(b) Karima yejeje amapapayi menshi.

yejeje: ..........................................................................................

(c) Kwiga bituma umuntu atsinda.

kwiga: ..........................................................................................

(d) Mama yatetse ibishyimbo n'ibijumba

ibishyimbo n'ibijumba : ..........................................................................

20) **Vuga ubwoko bw'interuro zikurikira:** **(amanota 4)**

(a) Uzi kwandika neza Ikinyarwanda?

..........................................................................................................

(b) Ngwino hano ngutume.

..........................................................................................................

(c) Mbese ni uku wabaye !

..........................................................................................................

(d) Tugomba kwigirira ikizere aho turi hose.

..........................................................................................................

## IV. IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA (AMANOTA 13)

21) **Andika amagambo akurikira ugaragaza ubutinde n'amasaku:** **(amanota 5)**

(a) igihaza → ..........................................................

(b) ifi → ..........................................................

(c) amazi → ..........................................................

(d) igitabo → ..........................................................

(e) iwacu → ..........................................................

22) **Kosora izi nteruro aho zanditse nabi:** **(amanota 8)**

(a) Kwoga ni ingira kamaro k'umubiri wacu.

..........................................................................................................

(b) nzagusanga i muhira ejo bundi ni mugoroba nka sambiri.

..........................................................................................................

**IGICE CYA KABIRI : IHANGAMWANDIKO (AMANOTA 15)**

23) Hanga umwandiko utari munsi y'imirongo cumi n'itanu (15) ku nsanganyamatsiko ikurikira: **"Akamaro k'ubuhinzi bw' imbuto ziribwa ",** ugaragaza byibura ingingo enye (4) zishyigikira ibitekerezo byawe.

**(amanota 15)**

**<u>Ikitonderwa</u>**: Kirazira kugaragaza umwirondoro wawe uwo ari wo wose.